



Ikinyamakuru N°27/2016;

Taliki ya 01– 30 Nzeri 2016

Ryoherejwe kuwa 02 Ukwakira 2016

Ingingoz'ingenzi:

- Igiteranyo cy'invura yabonetse mu kwezi kwa Nzeri 2016 cyagaragaje **invura iri mu kigero cy'isanzwe igwa** mu bice byinshi by'ighugu. Invura ivanze n'umuyaga ndetse ikanumvikanamo inkuba yaguye hirya no hino mu gihugu byatumye **ububobere bw'ubutaka bwiyongera**.
- Mu kwezi kwa Ukwakira 2016, hateganyijwe invura hafi **buri munsi** mu bice byose by'ighugu.


Iriburiro

- Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu kwezi kwa Nzeri 2016 ndetse n'invura dusanzwe tubona muri uku kwezi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'invura kuri buri bupimiro (muri mm)


Ubupimiro	Nzeri 2016	Nzeri
Kigali	79.2	76.8
Rusizi (Kamembe)	125.4	113.2
Rubavu (Gisenyi)	109.3	114.6
Nyamagabe (Gikongoro)	105.8	96.6
Ngoma (Kibungo)	102.2	61.1
Gicumbi (Byumba)	88.5	118.7
Busogo	97.0	156.1
Bugarama	48.6	74.8
Musanze (Ruhengeri)	97.0	125.6
Gitega	148.3	73.2
Rubengera	180.7	99.0
Byimana	221.7	83.1
Kawangire	94.8	71.9
Nyagatare	131.8	70.7

Imbonerahamwe ya1




b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye gihembwe cya 2 cya Nzeri 2016, imvura isanzwe igwa mu gihembwe cya 2 cya Nzeri, imvura yaguye mu gihembwe cyakibanjirije (ighembwe cya mbere cya Nzeri 2016) ndetse n'imbura isanzwe igwa mu gihembwe cya mbere cya Nzeri muri rusange.


Ikarita ya1: Imvura yaguye 01–30 Nzeri 2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 01–30 Nzeri



Ikarita ya3: Imvura yaguye 01–31 Kanama 2016



Ikarita ya4: Imvura yaguye 01–31 Kanama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 01–30 Nzeri 2016 mu buryo burambuye

Ukwezi kwa Kanama 2016 kwagaragaje imvura nke cyane muri rusange ku bupimiro bwose (reba **ikarita ya3&4**); mu gihe mu kwezi kwa Nzeri habonetse ukwiyongera kugaragara cyane kwimvura nkuko **ikarita ya1&2** zibyerekana

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa kugeza ku gipimo cyo hejuru (nkuko **ikarita ya1&2** zibyerekana); imiyitwarire y'ibihe kandi irerekankako iyo imvura yakomeje kwiyongera mu bice by'amajyaruguru ikagabanuka mu bice by'amajyepfo by'iyi Ntara

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwa Gicumbi bwerekanye ubwiyongere bw'imvura kugeza ku gipimo cy'isanzwe mu mpera z'ukwezi kwa Nzeri (**ikarita ya1&2** hamwe n' **ikarita ya3&4**); Ubundi bupimiro bwafashe imvura iri ku kigereranyo cy'iri munsi y'isanzwe igwa (**ikarita ya1&2**).

c) Intara y'Amajyepfo

Ukwezi kwa Nzeri kwerekanye ukwiyongera kw'imvura mu gihembwe cya kabiri ndetse n'icya 3 cya Nzeri (**ikarita ya1&2**); ubupimiro bwagine inyongera ikabije bwerekanye imvura mu gice cy'amajyaruguru y'iyi Ntara ku bupimiro bwa Byimana bwerekanye imvura ingana na mm221.7 (imvura ingana n'inshuro 3 isanzwe imenyerewe muri ibi bihe; reba **Imbonerahamwe**

ya1); iyi Ntara kandi irerekana ko uku kwiyongera kw'имвура kuzigaragaza cyane muburengerazuba bw'amajyepfo.

d) Intara y'i Burengerazuba


Habonetse imvura yageze ku gipimo cy'isanzwe igwa ku bupimiro bwose (reba **ikarita ya1&2**).

e) Umujiyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 wabonye imvura iri hejuru y'isanzwe igwa (reba **ikarita ya1&2**, cyane cyane uburengerazuba bw'umujiyi wa Kigali ku bupimiro bwa Gitega abonetse mm148.3

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



"Nzeri 2016 dekad2&3" (igihembwe cya 2&3) byabonetsemo imvura yakomeje kubobereza ubutaka (nkuko amafoto y'icyogajuru **Ikarita5&6** abyerekana). Uku kugumana ubuhehere byemezako imvura y'ihinga yatangiye mu mpera z'ighembwe cya 2 cya Nzeri n'intangiriro z'ighembwe cya nyuma hafi mu gihugu hose; bitanga ikizere k'ugukomeza kugwa kw'имвура ndetse n'ugukomeza gukura kw'ibihingwa

Ifoto y'icyogajuru irerekana igipimo kiri hejuru y'ijana (MI>100) ku gipimo mpuzamahanga ku buhehere bw'ubutaka mu gihugu cyose (reba **Ikarita5&6**); ububobere bubereye ibihingwa byinshi gukura neza.

Mu Kwakira (Ukwezi kwa 10); hateganijwe ugukomeza kugwa kw'имвура cyane cyane mu majyaruguru n'uburengerazuba by'ighugu. Abahinzi baragirwa inama yo kubika amazi yo kwuhira mu gihe cy'Ighembwe cy'Ihinga-A mu munsi izagaragara nk'itagira imvura ihagije (iminsi ishyira irangira ry'имвура y'ihinga riteganyijwe mu mpera z'iki Gihembwe cy'ihinga-A)

b) Iteganyagihe ry'Ukwakira 2016

Ukwezi k'Ukwakira 2016 hateganijwe ugukomeza kugwa kw'имвура mu kwezi kwose cyane cyane mu majyaruguru n'uburengerazuba bw'ighugu

Umujiyi wa Kigali; hateganijwe imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa mu kwezi k'Ukwakira

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe imvura iri hejuru y'isanzwe igwa mu majyaruguru y'iyi Ntara; iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa (mu burasirazuba bwo hagati); ndetse n'iri ku kigereranyo kiri hasi ma majyepfo y'iyi Ntara.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa kugera ku kigereranyo cy'iri hejuru y'isanzwe igwamu kwezi kwose kwa 10.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw'имвура ihagije ishobora kwiyongera ku gipimo cy'iyari isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe imvura mu kwezi kwose ishobora kuzaba nyinshi mu majyaruguru y'iyi Ntara

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (**Meteo Rwanda**)